



Umwaka wa 61
Igazeti ya Leta n° Idasanzwe
ku wa 03/07/2022

Year 61
Official Gazette n° Special of
03/07/2022

61^{ème} Année
Journal Officiel n° Spécial du
03/07/2022

Ibirimo/Summary/Sommaire ***page/urup.***

Iteka rya Minisitiri w'Intebe/ Prime Minister's Order/ Arrêté du Premier Ministre

N° 008/03 ryo ku wa 03/07/2022

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena uburyo bwo gutanga no kubona ubutaka, ubwo gukodesha ubutaka mu buryo burambye, n'ubwo gutiza no gukodesha ubutaka bwa Leta 2

N° 008/03 of 03/07/2022

Prime Minister's Order determining modalities for land allocation and acquisition, emphyteutic lease, and State land concession and lease 2

N° 008/03 du 03/07/2022

Arrêté du Premier Ministre déterminant les modalités d'allocation et d'acquisition des terres, du bail emphytéotique, et de concession et du bail des terres de l'État 2

<p>ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 008/03 RYO KU WA 03/07/2022 RIGENA UBURYO BWO GUTANGA NO KUBONA UBUTAKA, UBWO GUKODESHA UBUTAKA MU BURYO BURAMBYE, N'UBWO GUTIZA NO GUKODESHA UBUTAKA BWA LETA</p>	<p>PRIME MINISTER'S ORDER N° 008/03 OF 03/07/2022 DETERMINING MODALITIES FOR LAND ALLOCATION AND ACQUISITION, EMPHYTEUTIC LEASE, AND STATE LAND CONCESSION AND LEASE</p>	<p>ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE N° 008/03 DU 03/07/2022 DÉTERMINANT LES MODALITÉS D'ALLOCATION ET D'ACQUISITION DES TERRES, DU BAIL EMPHYTÉOTIQUE, ET DE CONCESSION ET DU BAIL DES TERRES DE L'ÉTAT</p>
<p><u>ISHAKIRO</u></p>	<p><u>TABLE OF CONTENTS</u></p>	<p><u>TABLE DES MATIÈRES</u></p>
<p><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></p>	<p><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></p>	<p><u>CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></p>
<p><u>Ingingo ya mberere: Icyo iri teka rigamije</u></p>	<p><u>Article One: Purpose of this Order</u></p>	<p><u>Article premier : Objet du présent arrêté</u></p>
<p><u>Ingingo ya 2: Ibirebwa n'iri teka</u></p>	<p><u>Article 2: Scope of application of this Order</u></p>	<p><u>Article 2 : Champ d'application du présent arrêté</u></p>
<p><u>Ingingo ya 3: Uburyo bwo gutanga no kubona ubutaka</u></p>	<p><u>Article 3: Modalities for allocation and acquisition of land</u></p>	<p><u>Article 3 : Modalités d'allocation et d'acquisition des terres</u></p>
<p><u>UMUTWE WA II: UBURYO BWO GUKODESHA UBUTAKA MU BURYO BURAMBYE</u></p>	<p><u>CHAPTER II: MODALITIES FOR EMPHYTEUTIC LEASE</u></p>	<p><u>CHAPITRE II : MODALITÉS DU BAIL EMPHYTÉOTIQUE</u></p>
<p><u>Ingingo ya 4: Itegurwa ry'amasezerano y'ubukode burambye</u></p>	<p><u>Article 4: Elaboration of an emphyteutic lease contract</u></p>	<p><u>Article 4 : Préparation du contrat de bail emphytéotique</u></p>
<p><u>Ingingo ya 5: Gushyira umukono ku masezerano y'ubukode burambye</u></p>	<p><u>Article 5: Signing of the emphyteutic lease contract</u></p>	<p><u>Article 5 : Signer le contrat de bail emphytéotique</u></p>
<p><u>Ingingo ya 6: Kwandikisha amasezerano</u></p>	<p><u>Article 6: Registration of the emphyteutic</u></p>	<p><u>Article 6 : Enregistrement du contrat de</u></p>

<p>y'ubukode burambye</p> <p><u>Ingingo ya 7:</u> Itangwa ry'amasezerano y'ubukode burambye n'icyemezo cy'iyandikishwa ry'ubutaka</p> <p><u>Ingingo ya 8:</u> Uburenganzira bukomoka ku bukode burambye</p> <p>UMUTWE WA III: UBURYO BWO GUTIZA N'UBWO GUKODESHA UBUTAKA BWA LETA</p> <p><u>Ingingo ya 9:</u> Itegurwa ry'ipiganwa ryo gutiza cyangwa gukodesha ubutaka bwa Leta</p> <p><u>Ingingo ya 10:</u> Ibikubiye mu nyandiko y'ipiganwa</p> <p><u>Ingingo ya 11:</u> Gutiza cyangwa gukodesha ubutaka bwa Leta bitanyuze mu ipiganwa</p> <p><u>Ingingo ya 12:</u> Gusuzuma ubusabe bwo gutiza cyangwa gukodesha ubutaka bwa Leta bitanyuze mu ipiganwa</p> <p><u>Ingingo ya 13:</u> Gutiza ubutaka bwa Leta mu rwego rw'imibereho myiza y'abaturage</p> <p><u>Ingingo ya 14:</u> Umushinga wo gutiza ubutaka bwa Leta mu rwego rw'imibereho myiza y'abaturage</p>	<p>lease contract</p> <p><u>Article 7:</u> Issuance of emphyteutic lease contract and certificate of land registration</p> <p><u>Article 8:</u> Rights resulting from emphyteutic lease</p> <p>CHAPTER III: MODALITIES FOR STATE LAND CONCESSION AND LEASE</p> <p><u>Article 9:</u> Organisation of competition for concession or lease of State land</p> <p><u>Article 10:</u> Content of the competition file</p> <p><u>Article 11:</u> Concession or lease of State land without competition</p> <p><u>Article 12:</u> Assessment of the request for concession or lease of State land without competition</p> <p><u>Article 13:</u> Concession of State land for social welfare</p> <p><u>Article 14:</u> Project for concession of State land for social welfare</p>	<p>bail emphytéotique</p> <p><u>Article 7 :</u> Délivrance du contrat de bail emphytéotique et du certificat d'enregistrement</p> <p><u>Article 8 :</u> Droits résultant du bail emphytéotique</p> <p>CHAPITRE III : MODALITÉS DE CONCESSION ET DE BAIL DES TERRES DE L'ÉTAT</p> <p><u>Article 9 :</u> Organisation de la compétition pour la concession ou le bail des terres de l'État</p> <p><u>Article 10 :</u> Contenu du dossier de compétition</p> <p><u>Article 11 :</u> Concession ou bail des terres de l'État sans compétition</p> <p><u>Article 12 :</u> Évaluation de la demande de concession ou de bail des terres de l'État sans concurrence</p> <p><u>Article 13 :</u> Concession des terres de l'État pour le bien-être social</p> <p><u>Article 14 :</u> Projet de concession des terres de l'État pour le bien-être social</p>
-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------

<p><u>Ingingo ya 15:</u> Itegurwa ry'intizo y'ubutaka cyangwa amasezerano yo gukodesha ubutaka bwa Leta</p>	<p><u>Article 15:</u> Elaboration of land concession or contract on lease of State land</p>	<p><u>Article 15 :</u> Préparation de la concession foncière ou du contrat de bail des terres de l'État</p>
<p><u>Ingingo ya 16:</u> Gushyira umukono ku ntizo y'ubutaka cyangwa ku masezerano yo gukodesha ubutaka bwa Leta</p>	<p><u>Article 16:</u> Signing of land concession or contract on lease of the State land</p>	<p><u>Article 16 :</u> Signer la concession foncière ou le contrat de bail des terres de l'État</p>
<p><u>Ingingo ya 17:</u> Igenzura ry'ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'intizo cyangwa ayo gukodesha ubutaka bwa Leta</p>	<p><u>Article 17:</u> Assessment of implementation of land concession or contract on lease of State land</p>	<p><u>Article 17 :</u> Évaluation de la mise en œuvre de la concession foncière ou du contrat de bail des terres de l'État</p>
<p><u>UMUTWE WA IV: IGIHE NYAKURI CY'UBUKODE BURAMBYE N'ICYO GUTIZA NO GUKODESHA UBUTAKA BWA LETA, N'UKO CYONGERWA</u></p>	<p><u>CHAPTER IV: EXACT DURATION OF EMPHYTEUTIC LEASE AND STATE LAND CONCESSION AND LEASE, AND ITS RENEWAL</u></p>	<p><u>CHAPITRE IV : DURÉE EXACTE DU BAIL EMPHYTÉOTIQUE, ET DE CONCESSION ET DE BAIL DES TERRES DE L'ÉTAT, ET SON RENOUVELLEMENT</u></p>
<p><u>Icyiciro cya mbere:</u> Igihe nyakuri cy'ubukode burambye n'icyo gutiza no gukodesha ubutaka bwa Leta</p>	<p><u>Section One:</u> Exact duration of emphyteutic lease and state land concession and lease</p>	<p><u>Section première :</u> Durée exacte du bail emphytéotique, et de concession et de bail des terres de l'État</p>
<p><u>Ingingo ya 18:</u> Igihe nyakuri cy'ubukode burambye</p>	<p><u>Article 18:</u> Exact duration of emphyteutic lease</p>	<p><u>Article 18 :</u> Durée exacte du bail emphytéotique</p>
<p><u>Ingingo ya 19:</u> Igihe nyakuri cyo gukodesha cyangwa icyo gutiza ubutaka bwa Leta</p>	<p><u>Article 19:</u> Exact duration of State land lease or concession</p>	<p><u>Article 19 :</u> Durée exacte du bail ou de concession des terres de l'État</p>
<p><u>Icyiciro cya 2:</u> Iyongerwa ry'igihe nyakuri cy'ubukode burambye n'icyo gutiza no gukodesha ubutaka bwa Leta</p>	<p><u>Section 2:</u> Renewal of the exact duration of emphyteutic lease and State land concession and lease</p>	<p><u>Section 2 :</u> Renouvellement de la durée exacte du bail emphytéotique, et de concession et du bail des terres de l'État</p>

<p><u>Ingingo ya 20:</u> Iyongerwa ry’igihe nyakuri cy’ubukode burambye</p> <p><u>Ingingo ya 21:</u> Iyongerwa ry’igihe nyakuri cyo gukodesha cyangwa icyo gutiza ubutaka bwa Leta</p> <p><u>UMUTWE WA V:</u> INGINGO ZISOZA</p> <p><u>Ingingo ya 22:</u> Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka</p> <p><u>Ingingo ya 23:</u> Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</p>	<p><u>Article 20:</u> Renewal of exact duration for emphyteutic lease</p> <p><u>Article 21:</u> Renewal of exact duration of State land lease or concession</p> <p><u>CHAPTER V:</u> FINAL PROVISIONS</p> <p><u>Article 22:</u> Authorities responsible for the implementation of this Order</p> <p><u>Article 23:</u> Commencement</p>	<p><u>Article 20 :</u> Renouvellement de la durée exacte du bail emphytéotique</p> <p><u>Article 21 :</u> Renouvellement de la durée exacte du bail ou de concession des terres de l’État</p> <p><u>CHAPITRE V :</u> DISPOSITIONS FINALES</p> <p><u>Article 22 :</u> Autorités chargées de l’exécution du présent arrêté</p> <p><u>Article 23 :</u> Entrée en vigueur</p>
--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------

Official Gazette n° Special of 03/07/2022

<p>ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 008/03 RYO KU WA 03/07/2022 RIGENA UBURYO BWO GUTANGA NO KUBONA UBUTAKA, UBWO GUKODESHA UBUTAKA MU BURYO BURAMBYE, N'UBWO GUTIZA NO GUKODESHA UBUTAKA BWA LETA</p> <p>Minisitiri w'Intebe;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122 n'iya 176;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko n° 27/2021 ryo ku wa 10/06/2021 rigenga ubutaka, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 10;</p> <p>Bisabwe na Minisitiri w'Ibidukikije;</p> <p>Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 14/12/2021 imaze kubisuzuma no kubyemeza;</p> <p>ATEGETSE:</p>	<p>PRIME MINISTER'S ORDER N° 008/03 OF 03/07/2022 DETERMINING MODALITIES FOR LAND ALLOCATION AND ACQUISITION, EMPHYTEUTIC LEASE, AND STATE LAND CONCESSION AND LEASE</p> <p>The Prime Minister;</p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176;</p> <p>Pursuant to Law n° 27/2021 of 10/06/2021 governing land, especially in Article 10;</p> <p>On proposal by the Minister of Environment;</p> <p>After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 14/12/2021;</p> <p>ORDERS:</p>	<p>ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE N° 008/03 DU 03/07/2022 DÉTERMINANT LES MODALITÉS D'ALLOCATION ET D'ACQUISITION DES TERRES, DU BAIL EMPHYTÉOTIQUE, ET DE CONCESSION ET DU BAIL DES TERRES DE L'ÉTAT</p> <p>Le Premier Ministre ;</p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122 et 176 ;</p> <p>Vu la Loi n° 27/2021 du 10/06/2021 portant régime foncier, spécialement en son article 10 ;</p> <p>Sur proposition du Ministre de l'Environnement ;</p> <p>Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 14/12/2021 ;</p> <p>ARRÊTE :</p>
-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE	CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS	CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES
<u>Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije</u>	<u>Article One: Purpose of this Order</u>	<u>Article premier : Objet du présent arrêté</u>
Iri teka rigena –	This Order determines –	Le présent arrêté détermine –
1° uburyo bwo gutanga no kubona ubutaka;	1° modalities for land allocation and acquisition;	1° les modalités d’allocation et d’acquisition des terres ;
2° uburyo bwo gukodesha ubutaka mu buryo burambye;	2° modalities for emphyteutic lease;	2° les modalités du bail emphytéotique ;
3° uburyo bwo gutiza ubutaka bwa Leta;	3° modalities for State land concession;	3° les modalités de concession des terres de l’État ;
4° uburyo bwo gukodesha ubutaka bwa Leta;	4° modalities for State land lease;	4° les modalités du bail des terres de l’État ;
5° igihe nyakuri cy’ubukode burambye n’uko cyongerwa;	5° the exact duration of emphyteutic lease and its renewal;	5° la durée exacte du bail emphytéotique et son renouvellement ;
6° igihe nyakuri cyo gutiza ubutaka bwa Leta n’uko cyongerwa;	6° the exact duration of State land concession and its renewal; and	6° la durée exacte de la concession et son renouvellement ; et
7° n’igihe nyakuri cyo gukodesha ubutaka bwa Leta n’uko cyongerwa.	7° the exact duration of State land lease and its renewal.	7° la durée exacte du bail des terres de l’État et son renouvellement.
<u>Ingingo ya 2: Ibirebwa n’iri teka</u>	<u>Article 2: Scope of application of this Order</u>	<u>Article 2 : Champ d’application du présent arrêté</u>
Iri teka rireba –	This Order applies to –	Le présent arrêté s’applique –
1° ubutaka buri mu mutungo bwite wa Leta;	1° land in private domain of the State; and	1° aux terres du domaine privé de l’État ; et

Official Gazette n° Special of 03/07/2022

<p>2° n'ubutaka bw'umuntu.</p> <p><u>Ingingo ya 3: Uburyo bwo gutanga no kubona ubutaka</u></p> <p>Uburyo bwo gutanga no kubona ubutaka ni ubu bukurikira:</p> <p>1° ubugure;</p> <p>2° impano;</p> <p>3° irage;</p> <p>4° izungura;</p> <p>5° igurana;</p> <p>6° isaranganya ry'ubutaka cyangwa guhabwa ubutaka bikozwe n'ubuyobozi bubifitiye ububasha;</p> <p>7° irangizwa ry'inyandikompesha;</p> <p>8° ubundi buryo bwo gutanga no kubona butaka bugenwa hakurikijwe amategeko abigenga.</p>	<p>2° land owned by a person.</p> <p><u>Article 3: Modalities for allocation and acquisition of land</u></p> <p>Modalities of allocation and acquisition of land are the following:</p> <p>1° sale;</p> <p>2° donation;</p> <p>3° inheritance;</p> <p>4° succession;</p> <p>5° exchange;</p> <p>6° land sharing or legal grant by competent authorities;</p> <p>7° execution of an enforcement order;</p> <p>8° other means of allocation and acquisition of land determined in accordance with relevant laws.</p>	<p>2° aux terres appartenant à une personne.</p> <p><u>Article 3 : Modalités d'allocation et d'acquisition des terres</u></p> <p>Les modalités d'allocation et d'acquisition des terres sont les suivantes :</p> <p>1° la vente ;</p> <p>2° la donation ;</p> <p>3° l'héritage ;</p> <p>4° la succession ;</p> <p>5° l'échange ;</p> <p>6° le partage de terre ou l'octroi légal par les autorités compétentes ;</p> <p>7° l'exécution d'un titre exécutoire ;</p> <p>8° un autre moyen d'allocation et d'acquisition des terres déterminé conformément à la législation en la matière.</p>
----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------

<p>UMUTWE WA II: UBURYO BWO GUKODESHA UBUTAKA MU BURYO BURAMBYE</p>	<p>CHAPTER II: MODALITIES FOR EMPHYTEUTIC LEASE</p>	<p>CHAPITRE II : MODALITÉS DU BAIL EMPHYTÉOTIQUE</p>
<p><u>Ingingo ya 4:</u> Itegurwa ry'amasezerano y'ubukode burambye</p>	<p><u>Article 4:</u> Elaboration of an emphyteutic lease contract</p>	<p><u>Article 4 :</u> Préparation du contrat de bail emphytéotique</p>
<p>Ikigo gifite imicungire n'imikoreshereze y'ubutaka mu nshingano gitegura amasezerano y'ubukode burambye.</p>	<p>The institution in charge of land management and use elaborates an emphyteutic lease contract.</p>	<p>L'institution ayant la gestion et l'utilisation des terres dans ses attributions prépare un contrat de bail emphytéotique.</p>
<p><u>Ingingo ya 5:</u> Gushyira umukono ku masezerano y'ubukode burambye</p>	<p><u>Article 5:</u> Signing of the emphyteutic lease contract</p>	<p><u>Article 5 :</u> Signer le contrat de bail emphytéotique</p>
<p>Amasezerano y'ubukode burambye ashwirwaho umukono n'aba bakurikira:</p>	<p>The emphyteutic lease contract is signed by the following:</p>	<p>Le contrat de bail emphytéotique est signé par les personnes suivantes :</p>
<p>1° Umubitsi Mukuru w'inyandikompamo z'ubutaka, cyangwa umubitsi w'inyandikompamo z'ubutaka w'ifasi ubutaka buherereyemo, mu izina rya Leta;</p>	<p>1° the Chief Registrar of land titles, or registrar of land titles of the land territorial location, on behalf of the State;</p>	<p>1° le Conservateur en Chef des titres fonciers, ou le conservateur des titres fonciers de la localisation territoriale de la terre, au nom de l'État ;</p>
<p>2° umuntu cyangwa umuhagarariye wemewe n'amategeko.</p>	<p>2° a person or his or her legal representative.</p>	<p>2° une personne ou son représentant légal.</p>
<p>Iyo ari ubutaka bw'Umubitsi Mukuru w'inyandikompamo z'ubutaka cyangwa ubw'abo bafitanye isano ku gisanira cya mbere, amasezerano y'ubukode burambye ashwirwaho umukono n'umubitsi w'inyandikompamo z'ubutaka wo mu ifasi ubutaka buherereyemo.</p>	<p>For the land of the Chief Registrar of land titles or his or her relatives at the first degree, an emphyteutic lease contract is signed by the registrar of land titles of the jurisdiction where the land is located.</p>	<p>Pour les terres du Conservateur en Chef des titres fonciers ou celles des membres de sa famille au premier degré, le contrat de bail emphytéotique est signé par le Conservateur des titres fonciers du ressort où les terres sont situées.</p>

Official Gazette n° Special of 03/07/2022

<p>Iyo ari ubutaka bw'umubitsi w'inyandikompamo z'ubutaka cyangwa ubw'abo bafitanye isano ku gisanira cya mbere buri mu ifasi akoreramo, amasezerano y'ubukode burambye ashirwaho umukono n'Umubitsi Mukuru w'inyandikompamo z'ubutaka.</p>	<p>For the land of the registrar of land titles or his or her relatives at the first degree, an emphyteutic lease contract is signed by the Chief Registrar of land titles.</p>	<p>Pour les terres du conservateur des titres fonciers ou celles des membres de sa famille au premier degré, le contrat de bail emphytéotique est signé par le Conservateur en Chef des titres fonciers.</p>
<p><u>Ingingo ya 6:</u> Kwandikisha amasezerano y'ubukode burambye</p>	<p><u>Article 6:</u> Registration of the emphyteutic lease contract</p>	<p><u>Article 6 :</u> Enregistrement du contrat de bail emphytéotique</p>
<p>Umubitsi Mukuru w'inyandikompamo z'ubutaka cyangwa umubitsi w'inyandikompamo z'ubutaka yandika muri rejisitiri y'ubutaka amasezerano y'ubukode burambye agatanga icyemezo cy'iyandikishwa.</p>	<p>The Chief Registrar of land titles or the registrar of land titles registers the emphyteutic lease contract and issues a certificate of registration.</p>	<p>Le Conservateur en Chef des titres fonciers ou le conservateur des titres fonciers enregistre le contrat de bail emphytéotique et délivre un certificat d'enregistrement.</p>
<p><u>Ingingo ya 7:</u> Itangwa ry'amasezerano y'ubukode burambye n'icyemezo cy'iyandikishwa ry'ubutaka</p>	<p><u>Article 7:</u> Issuance of emphyteutic lease contract and certificate of land registration</p>	<p><u>Article 7 :</u> Délivrance du contrat de bail emphytéotique et du certificat d'enregistrement</p>
<p>Amasezerano y'ubukode burambye n'icyemezo cy'iyandikishwa ry'ubutaka bitangwa mu buryo bw'ikoranabuhanga cyangwa mu buryo bw'impapuro zicapye.</p>	<p>An emphyteutic lease contract and certificate of land registration are issued electronically or on printed papers.</p>	<p>Le contrat de bail emphytéotique et le certificat d'enregistrement foncier sont délivrés par voie électronique ou sur papiers imprimés.</p>
<p>Iyo amasezerano y'ubukode burambye n'icyemezo cy'iyandikishwa ry'ubutaka byatanzwe ku muntu utari nyir'ubutaka, biteshwa agaciro hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko abigenga.</p>	<p>If an emphyteutic lease contract and certificate of land registration have been issued to a person who is not the landowner, they are cancelled in accordance with relevant laws.</p>	<p>Lorsque le contrat de bail emphytéotique et le certificat d'enregistrement foncier ont été délivré à une personne qui n'est pas le propriétaire foncier, ils sont annulés conformément à la législation en la matière.</p>

<p><u>Ingingo ya 8: Uburenganzira bukomoka ku bukode burambye</u></p> <p>Umuntu utunze ubutaka ku buryo bw'ubukode burambye afite uburenganzira bukurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° gukoresha ubwo butaka uko abishaka, ariko yubahiriza amategeko agenga imikoreshereze y'ubutaka; 2° kubona umusaruro uturuka ku butaka bwe n'inyungu zawo; 3° guhererekanya uburenganzira bwe ku butaka. 	<p><u>Article 8: Rights resulting from emphyteutic lease</u></p> <p>A person who owns land under an emphyteutic lease has the following rights:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° to use the land as he or she wishes, but respecting laws governing land use; 2° to enjoy the productivity from his or her land and interest thereon; 3° to transfer his or her rights on the land. 	<p><u>Article 8 : Droits résultant du bail emphytéotique</u></p> <p>Une personne propriétaire des terres sous le régime du bail emphytéotique a les droits suivants :</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° utiliser les terres comme elle le veut, mais en respectant la législation régissant l'utilisation des terres ; 2° jouir de la production provenant de ses terres et de ses intérêts ; 3° transférer son droit sur la terre.
<p><u>UMUTWE WA III: UBURYO BWO GUTIZA N'UBWO GUKODESHA UBUTAKA BWA LETA</u></p> <p><u>Ingingo ya 9: Itegurwa ry'ipiganwa ryo gutiza cyangwa gukodesha ubutaka bwa Leta</u></p> <p>Ipiganwa ryo gutiza cyangwa gukodesha ubutaka bwa Leta ku mpamvu z'ishoramari rirambye ritegurwa na Minisiteri ifite ubutaka mu nshingano ifatanyije n'urwego rufite guteza imbere ishoramari mu nshingano. Inzego zitegura ipiganwa zitegura n'inyandiko y'ipiganwa.</p>	<p><u>CHAPTER III: MODALITIES FOR STATE LAND CONCESSION AND LEASE</u></p> <p><u>Article 9: Organisation of competition for concession or lease of State land</u></p> <p>The competition for concession or lease of State land for strategic investment purposes is organised by the Ministry in charge of land in collaboration with the organ in charge of investment promotion. Organs that organize the competition prepare also a competition file.</p>	<p><u>CHAPITRE III : MODALITÉS DE CONCESSION ET DE BAIL DES TERRES DE L'ÉTAT</u></p> <p><u>Article 9 : Organisation de la compétition pour la concession ou le bail des terres de l'État</u></p> <p>La compétition pour la concession ou le bail des terres de l'État aux fins d'investissement stratégique est organisée par le Ministère ayant les terres dans ses attributions en collaboration avec l'organe ayant la promotion des investissements dans ses attributions. Les organes qui organisent la compétition préparent également le dossier de compétition.</p>

Official Gazette n° Special of 03/07/2022

<p>Ipiganwa ryo gutiza cyangwa gukodesha ubutaka bwa Leta ku mpamvu z'ishoramari rirambye rikorwa hakurikijwe amategeko abigenga.</p>	<p>The competition for concession or lease of State land for strategic investment purposes is conducted in accordance with relevant laws.</p>	<p>La compétition pour la concession ou pour le bail des terres de l'État aux fins d'investissement stratégique est faite conformément à législation en la matière.</p>
<p><u>Ingingo ya 10: Ibikubiye mu nyandiko y'ipiganwa</u></p>	<p><u>Article 10: Content of the competition file</u></p>	<p><u>Article 10 : Contenu du dossier de compétition</u></p>
<p>Inyandiko y'ipiganwa iba ikubiyemo amakuru y'ingezi akurikira:</p>	<p>The competition file contains the following main information:</p>	<p>Le dossier de compétition contient les informations principales suivantes :</p>
<p>1° ibikorwa bizakorerwa ku butaka hakurikijwe ibiteganyijwe ku gishushanyo mbonera cy'imikoreshereze y'ubutaka, ibikenewe mu gace ubutaka buherereyemo, n'ibiyhutirwa ku rwego rw'Igihugu;</p>	<p>1° activities to be conducted on the land in accordance with the land use master plan, specific needs of the place where the land is located, and national priorities;</p>	<p>1° les activités à mettre sur les terres conformément au schéma directeur d'utilisation des terres, aux besoins spécifiques du lieu où les terres se situent et aux priorités du pays ;</p>
<p>2° ibikorwa biri kuri ubwo butaka;</p>	<p>2° activities on the land;</p>	<p>2° les activités se trouvant sur les terres ;</p>
<p>3° ibipimo ndangahantu by'ubutaka bikoze hakurikijwe ibipimo byemewe nyuma yo gusuzumwa n'ikigo gifite imicungire n'imikoreshereze y'ubutaka mu nshingano;</p>	<p>3° geographic coordinates of that land produced in accordance with the accepted projection system after assessment by an institution in charge of land management and use;</p>	<p>3° les coordonnées géographiques de ces terres établies conformément aux systèmes de projections standards après l'évaluation par l'institution ayant la gestion et l'utilisation des terres dans ses attributions ;</p>
<p>4° andi makuru ya ngombwa mu ipiganwa hakurikijwe ishoramari rirambye rizakorerwa kuri ubwo butaka.</p>	<p>4° other relevant information to the competition in accordance with the strategic investment that will be carried out on that land.</p>	<p>4° d'autres informations nécessaires à la compétition conformément à l'investissement stratégique à faire sur ces terres.</p>

<p><u>Ingingo ya 11: Gutiza cyangwa gukodesha ubutaka bwa Leta bitanyuze mu ipiganwa</u></p> <p>Urwego rufite guteza imbere ishoramari mu nshingano rusaba mu nyandiko, mu mwanya w'umushoramari, Minitiri ufite ubutaka mu nshingano gutiza cyangwa gukodesha ubutaka bwa Leta mu rwego rw'ishoramari rirambye bitanyuze mu ipiganwa.</p> <p>Inyandiko isaba gutiza cyangwa gukodesha ubutaka bwa Leta mu rwego rw'ishoramari rirambye bitanyuze mu ipiganwa iherekezwa n'ibi bikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° inyigo y'umushinga w'ishoramari; 2° icyemezo kigaragaza ko uwo mushinga ari uw'ishoramari rirambye; 3° inyandiko igaragaza ingano y'ubutaka bukenewe kuri uwo mushinga. 	<p><u>Article 11: Concession or lease of State land without competition</u></p> <p>The organ in charge of investment promotion requests in writing, on behalf of the investor, the Minister in charge of land, to concede or lease the State land without competition for strategic investment purposes.</p> <p>The request for concession or lease of State land without competition for strategic investment purposes is accompanied by the following:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° a business plan of the project; 2° a document indicating that the project is for strategic investment; 3° a document indicating the size of the needed land for the project. 	<p><u>Article 11 : Concession ou bail des terres de l'État sans compétition</u></p> <p>L'organe ayant la promotion des investissements dans ses attributions demande, par écrit, à la place de l'investisseur, au Ministre ayant les terres dans ses attributions de concéder ou de louer les terres de l'État sans compétition aux fins d'investissement stratégique.</p> <p>La demande de concession ou de bail des terres de l'État sans compétition aux fins d'investissement stratégique est accompagnée par ce qui suit :</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° le plan d'affaire du projet ; 2° un document qui indique que le projet est de l'investissement stratégique ; 3° un document qui indique la superficie des terres requise pour ce projet.
<p><u>Ingingo ya 12: Gusuzuma ubusabe bwo gutiza cyangwa gukodesha ubutaka bwa Leta bitanyuze mu ipiganwa</u></p> <p>Mu gusuzuma ubusabe bwo gutiza cyangwa gukodesha ubutaka bwa Leta bitanyuze mu ipiganwa, harebwa -</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° niba umushinga wubahirije 	<p><u>Article 12: Assessment of the request for concession or lease of State land without competition</u></p> <p>During assessment of the request for concession or lease of State land without competition, it is examined -</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° if the project complies with land use 	<p><u>Article 12 : Évaluation de la demande de concession ou de bail des terres de l'État sans concurrence</u></p> <p>Lors de l'évaluation de la demande de concession ou de bail des terres de l'État sans compétition, il est examiné -</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° si le projet se conforme au schéma

Official Gazette n° Special of 03/07/2022

<p>igishushanyo mbonera cy'imikoreshereze y'ubutaka;</p> <p>2° niba ubwo butaka nta bindi bikorwa byateganyijwe kubukorerwaho;</p> <p>3° hanarebwa niba imiterere y'ubutaka iberanye n'umushinga watanzwe hibandwa ku ihame ryo gukoresha ubutaka buto bushoboka ku mushinga.</p> <p>Iyo ubusabe bwo gutiza cyangwa gukodesha ubutaka bwa Leta bitanyuze mu ipiganwa bufite ishingiro, Minisitiri ufite ubutaka mu nshingano yandikira urwego rufite guteza imbere ishoramari mu nshingano –</p> <p>1° arumenyesha by'agateganyo ubuso bw'ubutaka bwa Leta bushobora gutizwa cyangwa gukodeshwa bitanyuze mu ipiganwa, aho buherereye n'imbago zabwo;</p> <p>2° anarusaba gusuzuma inyigo y'isuzumangaruka ku bidukikije y'uwo mushinga hakurikijwe amategeko abigenga, mbere y'uko ubwo butaka bwa Leta butizwa cyangwa bukodeshwa.</p>	<p>master plan;</p> <p>2° if the requested land is not reserved for other activities; and</p> <p>3° if the characteristics of land are convenient for the given project in accordance with the principle of optimum land use.</p> <p>If the request for concession or lease of State land without competition is valid, the Minister in charge of land writes to the organ in charge of investment promotion –</p> <p>1° informing it provisionally of the size of State land that can be reserved for concession or lease without competition, its location and boundaries; and</p> <p>2° requesting it to evaluate the environmental impact assessment for the project in accordance with relevant laws, prior to the concession or lease of State land.</p>	<p>directeur d'utilisation des terres ;</p> <p>2° si les terres demandées ne sont pas réservées aux autres activités ; et</p> <p>3° si les caractéristiques des terres sont convenables au projet donné conformément au principe d'utilisation optimale des terres.</p> <p>Lorsque la demande de concession ou de bail des terres de l'État sans compétition est fondée, le Ministre ayant les terres dans ses attributions écrit à l'organe ayant la promotion des investissements dans ses attributions –</p> <p>1° en lui informant provisoirement de la surface des terres de l'État pouvant être réservées pour la concession ou le bail, leur localisation et leurs limites ; et</p> <p>2° en lui demandant d'évaluer l'étude d'impact environnemental pour le projet conformément à la législation en la matière, avant la concession ou le bail des terres de l'État.</p>
------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------

<p><u>Ingingo ya 13: Gutiza ubutaka bwa Leta mu rwego rw'imibereho myiza y'abaturage</u></p> <p>Ubutaka bwa Leta butizwa umuntu utishoboye hagamijwe kuzamura imibereho ye.</p> <p><u>Ingingo ya 14: Umushinga wo gutiza ubutaka bwa Leta mu rwego rw'imibereho myiza y'abaturage</u></p> <p>Minisitiri ufite imibereho myiza y'abaturage mu nshingano ashikiriza Minisitiri ufite ubutaka mu nshingano umushinga wo gutiza ubutaka bwa Leta mu rwego rw'imibereho myiza y'abaturage.</p> <p>Uwo mushinga ugaragaza ingano y'ubutaka, ibipimo ndangahantu by'ubutaka bukenewe, n'ibikorwa bizabukorerwaho.</p> <p>Minisitiri ufite ubutaka mu nshingano asuzuma uwo mushinga hashingiwe ku gishushanyo mbonera cy'imikoreshereze y'ubutaka y'aho ubutaka bukenewe buherereye.</p> <p>Iyo Minisitiri ufite ubutaka mu nshingano abonye uwo mushinga ufite ishingiro arawemeza.</p>	<p><u>Article 13: Concession of State land for social welfare</u></p> <p>State land is conceded to a vulnerable person in order to improve his or her welfare.</p> <p><u>Article 14: Project for concession of State land for social welfare</u></p> <p>The Minister in charge of social affairs submits to the Minister in charge of land the project for concession of State land for social welfare.</p> <p>The project indicates the size, geographic coordinates of the needed land and the activities that will be carried out on that land.</p> <p>The Minister in charge of land assesses the project in compliance with the land use master plan for the location of the needed land.</p> <p>If the Minister in charge of land finds that the project is valid, he or she approves it.</p>	<p><u>Article 13 : Concession des terres de l'État pour le bien-être social</u></p> <p>Les terres de l'État sont concédées à une personne vulnérable afin d'améliorer son bien-être.</p> <p><u>Article 14 : Projet de concession des terres de l'État pour le bien-être social</u></p> <p>Le Ministre ayant les affaires sociales dans ses attributions soumet au Ministre ayant les terres dans ses attributions le projet de concession des terres de l'État pour le bien-être social.</p> <p>Le projet indique la superficie, les coordonnées géographiques des terres requises, et les activités qui seront menées sur ces terres.</p> <p>Le Ministre ayant les terres dans ses attributions évalue ce projet conformément au schéma directeur du lieu où ces terres requises se situent.</p> <p>Lorsque le Ministre ayant les terres dans ses attributions trouve que le projet est fondé, il l'approuve.</p>
-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------

<p><u>Ingingo ya 15:</u> Itegurwa ry'intizo y'ubutaka cyangwa amasezerano yo gukodesha ubutaka bwa Leta</p> <p>Minisiteri ishinzwe ubutaka itegura intizo y'ubutaka cyangwa amasezerano yo gukodesha ubutaka bwa Leta.</p> <p>Intizo y'ubutaka cyangwa amasezerano yo gukodesha ubutaka bwa Leta ku mpamvu z'ishoramari rirambye bitegurwa hashingiwe ku miterere y'umushinga w'ishoramari.</p> <p>Intizo y'ubutaka ku mpamvu z'imibereho myiza y'abaturage itegurwa hashingiwe ku mushinga wo gutiza ubutaka bwa Leta mu rwego rw'imibereho myiza y'abaturage.</p>	<p><u>Article 15:</u> Elaboration of land concession or contract on lease of State land</p> <p>The Ministry in charge of land elaborates the land concession or contract on lease of State land.</p> <p>Land concession or contract on lease of State land for strategic investment purposes is elaborated on basis of the investment project.</p> <p>Land concession for social welfare is elaborated on basis of the project for concession of the State land for social welfare.</p>	<p><u>Article 15 :</u> Préparation de la concession foncière ou du contrat de bail des terres de l'État</p> <p>Le Ministère chargé des terres prépare une concession foncière ou le contrat de bail des terres de l'État.</p> <p>La concession foncière ou le contrat de bail des terres de l'État aux fins d'investissement stratégique est préparé sur base du projet d'investissement.</p> <p>La concession foncière pour le bien-être social est préparée sur base du projet de concession des terres de l'État pour le bien-être social.</p>
<p><u>Ingingo ya 16:</u> Gushyira umukono ku ntizo y'ubutaka cyangwa ku masezerano yo gukodesha ubutaka bwa Leta</p> <p>Intizo y'ubutaka cyangwa amasezerano yo gukodesha ubutaka bwa Leta mu rwego rw'ishoramari rirambye bishyirwaho umukono na –</p> <p>1° Minisitiri ufite ubutaka mu nshingano; na</p> <p>2° umushoramari.</p> <p>Intizo y'ubutaka mu rwego rw'imibereho myiza y'abaturage ishyirwaho umukono na –</p>	<p><u>Article 16:</u> Signing of land concession or contract on lease of the State land</p> <p>Land concession or contract on lease of the State land for strategic investment purposes is signed by –</p> <p>1° the Minister in charge of lands; and</p> <p>2° an investor.</p> <p>Land concession for social welfare is signed by –</p>	<p><u>Article 16 :</u> Signer la concession foncière ou le contrat de bail des terres de l'État</p> <p>La concession foncière ou le contrat de bail des terres de l'État aux fins d'investissement stratégique est signé par –</p> <p>1° le Ministre ayant les terres dans ses attributions ; et</p> <p>2° un investisseur.</p> <p>La concession foncière pour le bien-être social est signée par –</p>

<p>1° Minisitiri ufite ubutaka mu nshingano;</p> <p>2° na Minisitiri ufite imibereho myiza y'abaturage mu nshingano.</p> <p><u>Ingingo ya 17: Igenzura ry'ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'intizo cyangwa ayo gukodesha ubutaka bwa Leta</u></p> <p>Ikigo gifite imicungire n'imikoreshereze y'ubutaka mu nshingano gifatanyije n'urwego rufite guteza imbere ishoramari mu nshingano bikora igenzura mu rwego rwo kureba ko umushoramari yubahiriza ibikubiye mu masezerano y'intizo cyangwa ay'ubukode bw'ubutaka bwa Leta n'inyigo y'umushinga umushoramari yatanze.</p> <p><u>UMUTWE WA IV: IGIHE NYAKURI CY'UBUKODE BURAMBYE N'ICYO GUTIZA NO GUKODESHA UBUTAKA BWA LETA, N'UKO CYONGERWA</u></p> <p><u>Icyiciro cya mbere: Igihe nyakuri cy'ubukode burambye n'icyo gutiza no gukodesha ubutaka bwa Leta</u></p> <p><u>Ingingo ya 18: Igihe nyakuri cy'ubukode burambye</u></p> <p>Igihe nyakuri cy'ubukode burambye ni</p>	<p>1° the Minister in charge of lands; and</p> <p>2° the Minister in charge of social affairs.</p> <p><u>Article 17: Assessment of implementation of land concession or contract on lease of State land</u></p> <p>The institution in charge of land management and use, in collaboration with the organ in charge of investment promotion, assesses the status of the investor's compliance with terms of land concession or contract on lease of State land as well as the submitted business plan.</p> <p><u>CHAPTER IV: EXACT DURATION OF EMPHYTEUTIC LEASE AND STATE LAND CONCESSION AND LEASE, AND ITS RENEWAL</u></p> <p><u>Section One: Exact duration of emphyteutic lease and state land concession and lease</u></p> <p><u>Article 18: Exact duration of emphyteutic lease</u></p> <p>The exact duration of emphyteutic lease is</p>	<p>1° le Ministre ayant les terres dans ses attributions ; and</p> <p>2° le Ministre ayant les affaires sociales dans ses attributions.</p> <p><u>Article 17: Évaluation de la mise en œuvre de la concession foncière ou du contrat de bail des terres de l'État</u></p> <p>L'institution ayant la gestion et l'utilisation des terres dans ses attributions, en collaboration avec l'organe ayant la promotion des investissements dans ses attributions, évalue l'état de conformité de l'investisseur quant au respect des termes de la concession foncière ou du contrat de bail des terres de l'État ainsi que du plan d'affaire soumis.</p> <p><u>CHAPITRE IV : DURÉE EXACTE DU BAIL EMPHYTÉOTIQUE, ET DE CONCESSION ET DE BAIL DES TERRES DE L'ÉTAT, ET SON RENOUVELLEMENT</u></p> <p><u>Section première : Durée exacte du bail emphytéotique, et de concession et de bail des terres de l'État</u></p> <p><u>Article 18 : Durée exacte du bail emphytéotique</u></p> <p>La durée exacte du bail emphytéotique est de</p>
-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------

Official Gazette n° Special of 03/07/2022

<p>imyaka mirongo ine n'icyenda (49) ku butaka bwagenewe ibi bikurikira:</p> <p>1° guturwaho;</p> <p>2° ibikorwa by'ubucuruzi;</p> <p>3° inganda;</p> <p>4° ibikorwa bigamije imibereho rusange n'umuco;</p> <p>5° imirimo ifitiye Igihugu akamaro;</p> <p>6° inyubako z'ubuyobozi;</p> <p>7° icyanya cy'imyidagaduro;</p> <p>8° ubwikorezi.</p>	<p>forty-nine (49) years for the land designated for the following:</p> <p>1° residential use;</p> <p>2° commercial activities;</p> <p>3° industrial use;</p> <p>4° public facilities;</p> <p>5° public utility;</p> <p>6° administration buildings;</p> <p>7° open space;</p> <p>8° transportation.</p>	<p>quarante-neuf (49) ans pour les terres destinées à ce qui suit :</p> <p>1° l'usage résidentiel ;</p> <p>2° les activités commerciales ;</p> <p>3° l'usage industriel ;</p> <p>4° l'usage publique socio-culturel ;</p> <p>5° l'utilité publique ;</p> <p>6° les bâtiments administratifs ;</p> <p>7° l'espace ouvert ;</p> <p>8° le transport.</p>
<p>Igihe nyakuri cy'ubukode burambye ni imyaka mirongo icyenda n'icyenda (99) ku butaka bwagenewe ibi bikurikira:</p> <p>1° amashyamba;</p> <p>2° ubuhinzi;</p> <p>3° ubworozi;</p> <p>4° ibishanga;</p> <p>5° ubutaka buriho amazi;</p>	<p>The exact duration of emphyteutic lease is ninety-nine (99) years for the land designated for the following:</p> <p>1° forestry;</p> <p>2° agricultural;</p> <p>3° livestock;</p> <p>4° wetland;</p> <p>5° water body;</p>	<p>La durée exacte du bail emphytéotique est de quatre-vingt-dix-neuf (99) ans pour les terres destinées à ce qui suit :</p> <p>1° la foresterie ;</p> <p>2° l'usage agricole ;</p> <p>3° l'élevage ;</p> <p>4° les marais ;</p> <p>5° l'espace aquatique ;</p>

<p>6° agace k'ubuhumekero.</p> <p><u>Ingingo ya 19: Igihe nyakuri cyo gukodesha cyangwa icyo gutiza ubutaka bwa Leta</u></p> <p>Igihe nyakuri cyo gukodesha ubutaka bwa Leta mu rwego rw'ishoramari cyangwa icyo gutiza ubutaka bwa Leta ni imyaka mirongo ine n'icyenda (49).</p> <p>Icyakora, bitewe n'imiterere yihariye y'umushinga:</p> <p>1° igihe nyakuri cyo gukodesha ubutaka bwa Leta mu rwego rw'ishoramari cyangwa icyo gutiza ubutaka bwa Leta gishobora kujya muni y'imyaka mirongo ine n'icyenda (49);</p> <p>2° igihe nyakuri cyo gukodesha ubutaka bwa Leta mu rwego rw'ishoramari gishobora kurenga imyaka mirongo ine n'icyenda (49) ariko ntikirenge imyaka mirongo icyenda n'icyenda (99), byemejwe na Minisitiri ufite ubutaka mu nshingano ashingiye ku nama yagiriwe n'urwego rufite ibikorwa bikubiye muri uwo mushinga mu nshingano.</p>	<p>6° buffer zone.</p> <p><u>Article 19: Exact duration of State land lease or concession</u></p> <p>The exact duration of State land lease for investment or concession of State land is forty-nine (49) years.</p> <p>However, depending on the nature of the specific project:</p> <p>1° the exact duration of State land lease for investment or concession of State land can be below forty-nine (49) years;</p> <p>2° the exact duration of State land lease for investment may exceed forty-nine (49) years but without exceeding ninety-nine (99) years, after approval of the Minister in charge of land basing on advice of the organ in charge of activities underlined in that project.</p>	<p>6° la zone tampon.</p> <p><u>Article 19 : Durée exacte du bail ou de concession des terres de l'État</u></p> <p>La durée exacte du bail des terres de l'État à des fins d'investissement ou de la concession des terres de l'État est de quarante-neuf (49) ans.</p> <p>Toutefois, en raison de la nature du projet spécifique :</p> <p>1° la durée exacte du bail des terres de l'État à des fins d'investissement ou de concession des terres de l'État peut être en dessous de quarante-neuf (49) ans ;</p> <p>2° la durée exacte du bail des terres de l'État à des fins d'investissement peut excéder quarante-neuf (49) ans mais sans excéder quatre-vingt-dix-neuf (99) ans, après approbation du Ministre ayant les terres dans ses attributions en se basant sur le conseil de l'organe ayant les activités spécifiées dans ce projet dans ses attributions.</p>
---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------

<p><u>Icyiciro cya 2: Iyongerwa ry’igihe nyakuri cy’ubukode burambye n’icyo gutiza no gukodesha ubutaka bwa Leta</u></p> <p><u>Ingingo ya 20: Iyongerwa ry’igihe nyakuri cy’ubukode burambye</u></p> <p>Umubitsi w’inyandikompamo z’ubutaka yongera igihe nyakuri cy’ubukode burambye, ku Munyarwanda, atabanje kubisaba.</p> <p>Umunyamahanga ushaka kongererwa igihe nyakuri cy’ubukode burambye abisaba mu nyandiko Umubitsi w’Inyandikompamo z’Ubutaka hasigaye nibura iminsi mironko icyenda (90) kugira ngo igihe cy’ubukode kirangire.</p> <p>Iyo ubusabe bwe bwemewe, umubitsi w’inyandikompamo z’ubutaka yongera igihe nyakuri cy’ubukode burambye. Icyakora, iyo ubusabe bwe butemewe cyangwa iyo adasabye ko igihe nyakuri cy’ubukode burambye cyongerwa, uwo munyamahanga atakaza uburenganzira yari afite kuri ubwo butaka bugashyirwa mu mutungo bwite wa Leta.</p> <p><u>Ingingo ya 21: Iyongerwa ry’igihe nyakuri cyo gukodesha cyangwa icyo gutiza ubutaka bwa Leta</u></p> <p>Igihe nyakuri cyo gukodesha ubutaka bwa Leta mu rwego rw’ishoramari cyangwa icyo</p>	<p><u>Section 2: Renewal of the exact duration of emphyteutic lease and State land concession and lease</u></p> <p><u>Article 20: Renewal of exact duration for emphyteutic lease</u></p> <p>The registrar of land titles renews the exact duration of emphyteutic lease for a Rwandan, without prior application.</p> <p>A foreigner who intends to have the exact duration of emphyteutic lease renewed, applies for it in writing to the Registrar of land titles at least ninety (90) days prior the expiry of the duration of emphyteutic lease.</p> <p>If the application is accepted, the registrar of land titles renews the exact duration of emphyteutic lease. However, if the application is not accepted or if the foreigner does not apply for the renewal of emphyteutic lease, he or she loses the rights on the land and the latter is converted to the State land in private domain.</p> <p><u>Article 21: Renewal of exact duration of State land lease or concession</u></p> <p>The exact duration of State land lease for investment or concession of State land is</p>	<p><u>Section 2 : Renouvellement de la durée exacte du bail emphytéotique, et de concession et du bail des terres de l’État</u></p> <p><u>Article 20 : Renouvellement de la durée exacte du bail emphytéotique</u></p> <p>Le conservateur des titres fonciers renouvelle la durée exacte du bail emphytéotique pour un Rwandais, sans demande préalable.</p> <p>Un étranger qui a l’intention d’avoir la durée exacte du bail emphytéotique renouvelée, en fait la demande, à l’écrit, au Conservateur des titres fonciers, au moins quatre-vingt-dix (90) jours avant l’expiration de la durée du bail emphytéotique.</p> <p>Lorsque la demande est acceptée, le conservateur des titres fonciers renouvelle la durée exacte du bail emphytéotique. Toutefois, lorsque la demande n’est pas acceptée ou que l’étranger ne demande pas le renouvellement du bail emphytéotique, il perd les droits qu’il avait sur ces terres et ces terres sont converties en domaine privé de l’État.</p> <p><u>Article 21 : Renouvellement de la durée exacte du bail ou de concession des terres de l’État</u></p> <p>La durée exacte du bail des terres de l’État à des fins d’investissement ou de concession</p>
-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------

Official Gazette n° Special of 03/07/2022

<p>gutiza ubutaka bwa Leta cyongerwa bisabwe n'uwakodeshaga cyangwa n'uwabutijwe, hashingiwe ku bikubiye mu masezerano yo gukodesha ubutaka bwa Leta cyangwa intizo.</p> <p>Iyo uwakodesheje ubutaka bwa Leta cyangwa uwabutijwe adasabye kongererwa igihe nyakuri cyo gukodesha ubutaka bwa Leta mu rwego rw'ishoramari cyangwa icyo gutiza ubutaka bwa Leta, cyangwa iyo abisabye ntabyemererwe, atakaza uburenganzira yari afite kuri ubwo butaka.</p> <p><u>UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA</u></p> <p><u>Ingingo ya 22: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka</u></p> <p>Minisitiri w'Ibidukikije na Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka.</p> <p><u>Ingingo ya 23: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</u></p> <p>Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p>	<p>renewed upon request of the lessee or the concessionaire on basis of the State land lease contract or concession.</p> <p>If the lessee or the concessionaire does not request for the renewal of the exact duration of State land lease for investment or concession of State land, or if the request for renewal is not accepted, he or she loses the rights on the land.</p> <p><u>CHAPTER V: FINAL PROVISIONS</u></p> <p><u>Article 22: Authorities responsible for the implementation of this Order</u></p> <p>The Minister of Environment and the Minister of Local Government are entrusted with the implementation of this Order.</p> <p><u>Article 23: Commencement</u></p> <p>This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p>des terres de l'État est renouvelée à la demande du preneur du bail ou du concessionnaire sur base du contrat de bail ou de la concession des terres de l'État.</p> <p>Lorsque le preneur du bail ou le concessionnaire ne demande pas le renouvellement de la durée exacte du bail des terres de l'État à des fins d'investissement ou de la concession des terres de l'État, ou que la demande n'est pas acceptée, il perd les droits qu'il avait sur ces terres.</p> <p><u>CHAPITRE V : DISPOSITIONS FINALES</u></p> <p><u>Article 22 : Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté</u></p> <p>Le Ministre de l'Environnement et le Ministre de l'Administration Locale sont chargés de l'exécution du présent arrêté.</p> <p><u>Article 23 : Entrée en vigueur</u></p> <p>Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------	--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------

Kigali, 03/07/2022

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard

Minisitiri w'Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

(sé)

Dr MUJAWAMARIYA Jeanne d'Arc

Minisitiri w'Ibidukikije
Minister of Environment
Ministre de l'Environnement

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel

Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux